REPUBULIKA Y'U
RWANDA

MINISTRY OF AGRICULTURE
AND ANIMAL RESOURCES

MINISTERE DE
L'AGRICULTURE
ET DES RESSOURCES
ANIMALES

IBIRO BYA MINISITIRI

AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUHINZI N'UBWOROZI N° 001/2012 AREBANA NO KWEGEREZA UBUYOBOZI BW'IBANZE GAHUNDA YA GIRINKA « GIRINKA DECENTRALIZATION«

Mu rwego rwo kurwanya ubukene mu Gihugu hatangijwe Gahunda ya "GIRINKA" ifasha koroza buri rugo rukennye, kugirango umuryango ubonye inka ubashe kwiteza imbere no kwivana mu bukene.

Ni muri urwo rwego,

Minisitiri w'ubuhinzi n'ubworozi,

Ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 20/10/2004 kirebana na Politiki yo guteza imbere ubuhinzi ;

Ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 12 Mata 2006 yemeje gahunda ya GIRINKA Munyarwanda ;

Ashingiye ku mabwiriza ya Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi N°..... arebana n'ubworozi bwo mu biraro;

Ashingiye ku Itegeko N° 54/2008 ryo kuwa 10 Nzeri 2008 rigenga uburyo bwo kwirinda no kurwanya indwara zanduza amatungo mu Rwanda;

Ashingiye ku ngamba zigamije ivugura n'iterambere ry'ubuhinzi mu Rwanda (PSTA II) nk'uko zemejwe muri Gashyantare 2009;

Ashingiye ku bushobozi bumaze kubakwa ku nzego z'ibanze z'ubuyobozi, ku nzego z'imirimo y'ubuvuzi bw'amatungo by'umwihariko, cyane cyane mu bumenyi bw'imyororere ya kijyambere ;

Ashingiye kandi ku nyungu ndende zituruka kuri gahunda ya GIRINKA MUNYARWANDA,

Ashingiye ku bubasha ahabwa n'Amategeko,
Yemeje ibi bikurikira:

1. INGINGO RUSANGE

1.1 Icyo aya Mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agamije guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi, cyane cyane gahunda ya GIRINKA, ashingiye ku ngamba ziriho zo kubaka ubushobozi bw'inzego z'ibanze, kugirango ibikorwa by'ubworozi birusheho gukurikiranwa neza ndetse no gutezwa imbere, kandi hagamijwe kubona umusaruro ushimishije unafitiye umworozi akamaro.

Aya mabwiriza agamije kandi kubaka ubushobozi no guteza imbere aborozi bororeye mu Rwanda, cyane cyane abasanzwe baragabiwe inka muri Gahunda ya GIRINKA.

1.2. Ukwiye guhabwa inka muri gahunda ya "GIRINKA"

Nkuko byemejwe mu nama y'Abaminisitiri yo kuwa 12/04/2006, Gahunda ya GIRINKA igamije koroza imiryango ikennye, kandi yujuje ibi bikurikira:

- Kuba umuryango udafite indi nka n'imwe woroye,
- Kuba umuryango ugaragaza ubushobozi bwo gutunga inka
- Kuba nyir'urugo yarubatse ikiraro,
- Kuba nyir'urugo ari inyangamugayo,
- Imiryango idatunze ubutaka yateraho ubwatsi, iyo yishyize hamwe, ikagaragaza uburyo yakorora inka kandi ikanubaka ikiraro rusange nayo ihabwa inka muri Gahunda ya GIRINKA,
- Iyi miryango itoranywa n'inzego z'ibanze.

1.3. Ibiranga inka igurwa yo gutangwa muri Gahunda ya GIRINKA

Kuba ari ishashi,

- ifite amaraso y'imvange ya kijyambere angana byibura na 50%. Ayo maraso ashobora kuba aya **Firizoni** cyangwa se aya **Jerise.**
- ifite hagati y'amezi 24 na 36 y'amavuko, ifite igikuriro cyiza n'ibiro bitari munsi ya 250 ;
- ihaka
- nta busembwa igaragaza (bwaba ubwavukanwe cyangwa se ubwaje nyuma) ;
- kandi yambaye iherena riyiranga ryemewe na RAB/MINAGRI.

1.4. Ibirebwa n' aya Mabwiriza

Kwegurira Uturere ububasha n'ubushobozi bwo kugura inka zigomba gutangwa muri Gahunda ya GIRINKA.

2. IBIREBA UTURERE

Buri karere kagomba gushyiraho itsinda rishinzwe gukurikirana iki gikorwa cyo kugura inka. Iryo tsinda rigomba kuba rigizwe na:

- Umuyobozi wungirije w'Akarere ushinzwe imibereho myiza
- Umukozi uhagarariye RAB mu Karere
- Veterineri w'Akarere
- Ushinzwe umutekano mu Karere
- Veterineri w'Umurenge inka zigiye gutangwamo

Iri tsinda rifite inshingano y'ibanze yo gutoranya ndetse no kwemeza inka zigurwa muri gahunda ya Girinka, rigomba kandi kwemeza abazigenerwa.

2.1. Ibirebana no kugura inka

- Inka zizajya zigurwa mu mafaranga ari mu ngengo y'Imali y'Uturere arebana n'Ubworozi, kandi yagenewe gahunda ya GIRINKA;
- Nta soko ry'inka rizahabwa ba Rwiyemezamirimo;
- Inka zose zizajya zigurwa mu borozi bo mu Karere zigomba gutangwamo;
- Inka zujuje ibisabwa nkuko bigaragara mu ngingo 1.3 zizajya zigurwa amafaranga y'amanyarwanda atarihasi y'ibihumbi magana atatu **(300,000 Rwf);**
- Inka zizajya zigurwa mu borozi bahawe inka muri gahunda ya GIRINKA, iyo barangije kwitura; mu gihe inyana bagurisha zujuje ibisabwa byose;
- Iyo bigaragara ko aborozi bo muri gahunda ya GIRINKA barangije kugurirwa, inka zishobora kandi kugurwa mu bandi borozi bo muri ako Karere bororeye mu kiraro;
- Buri Karere kazajya kagura inka aho gaherereye, kereka bigaragaye ko inka zujuje ibyangombwa byose "*technical specifications*" zarangiye, icyo gihe, Akarere gahabwa **uruhushya na RAB** rwo kugura inka mu tundi turere tuhegereye;
- Inka zizajya zigurwa nyuma y'isuzumwa ry'indwara zandura (amakore, ruhaha) kandi zakingiwe indwara zimwe na zimwe bitewe n'akarere (igifuruto –LSD n'Ubutaka-BQ), ibi bikorwa na RAB/MINAGRI;
- Inka zitangwa zabanje guterwa umuti wica uburondwe n'utundi dukoko mu gihe cy'amasaha 48 mbere y'uko inka zitangwa;
- Guhitamo amashashi agurwa, kuyagura ndetse no kuyageza ku miryango ikennye yatoranijwe bigomba kujya bikorwa kandi bikarangirana **n'igihembwe cya Kabiri** cy'umwaka w'Ingengo y'Imali ya Leta, n'ukuvuga ku itariki **31 Ukuboza** kwa buri mwaka;

- Umworozi ugurishije inka muri iyi gahunda agomba guhabwa icyemezo cy'uko yagurishije inka muri gahunda ya GIRINKA, agomba kandi gusinyana kontaro n'ubuyobozi bw'Akarere igaragaza ko agurishije inka n'Akarere;
- Umworozi wese uguriwe inka azajya yishyurirwa kuri konti ye iri mu Umurenge Sacco.

2.2. Ibirebana no gukurikirana Gahunda ya GIRINKA muri rusange

- Ubuyobozi bw'Akarere bufite inshingano yo gukurikirana ubuzima bw'inka za GIRINKA;
- Ubuyobozi bw'Akarere bugomba kandi gukurikirana ibikorwa byo kwitura; no guhitamo abiturwa;
- Inka ya GIRINKA **ntigurishwa**, ubuyobozi bw'ibanze bugomba gushyira ingufu mu gukurikirana no guhana abazafatwa muri iki cyaha;
- Abaveterineri b'Imirenge bagomba kwita ku nka za GIRINKA kandi ibi bikaba mu mihigo yabo (*performance contract*) bazajya bagenzurirwaho.
- Gutoranya imiryango igomba guhabwa inka bigomba gukorwa kandi bikarangirana **n'igihembwe cya mbere** cy'umwaka w'Ingengo y'imali ya Leta; kugirango haboneke igihe gihagije cyo kubategura kwakira inka;
- Ubuyobozi bw'Akarere bugomba kujya butanga raporo ya buri gihembwe kuri Gahunda ya GIRINKA;

3. IBIREBA UMURYANGO UKENNYE UHABWA INKA

Imiryango yorozwa inka muri gahunda ya GIRINKA, isinyana kontaro n'ubuyobozi bw'Akarere yemeza ibi bikurikira:

- Gufata neza itungo bahawe,
- Kororera mu kiraro,
- Guteza intanga inka bahawe,
- Kwitura, batanga inka ya mbere y'inyana ivutse;
- Kutagurisha inka ya Girinka;

4. IBIREBA IKIGO RAB/MINAGRI

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry' Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB) ni cyo gishinzwe gukurikirana ku rwego rw'Igihugu Gahunda ya GIRINKA.
Kubera izo mpamvu, gitanga imirongo migari ngenderwaho igamije kwihutisha kurwanya ubukene hatangwa inka kuri buri muryango Nyarwanda ukennye, kikanakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iyi Gahunda.

Ikigo RAB kigomba gukurikirana ibi bikurikira,

- Gufasha ubuyobozi bw'Uturere muri gahunda yo guhitamo inka zitangwa muri iyi gahunda;
- Gutegura imiryango ikennye izorozwa ndetse no kubaha amahugurwa kubijyanye n'ubuzima bw'inka, imyororokere y'inka, kugaburira inka ndetse gufata neza amatungo muri rusange;
- Gutanga ibikoresho bikenerwa nk'amaherena, inkingo, n'indi miti ikenerwa muri gahunda ya Girinka;
- Gukurikirana uko inka zitangwa;
- Gukurikirana ubuzima bw'inka mu gihe zageze mu rugo rw'umworozi;
- Gutera intanga ku nka zatanzwe muri gahunda ya GIRINKA, kandi zikaba zafashe mu gihe kitarenze amezi atutu;
- Gukurikirana igikorwa cyo kwitura, hagatangwa na Certificat z'Ishimwe ku bituye;
- Gushyiraho gahunda ihamye yo guteza imbere imirire myiza y'inka za GIRINKA, kugirango zirusheho gutanga umukamo utubutse;
- Gufasha aborozi kubona isoko ryo kugurishirizaho amata;
- Gutanga amahugurwa ku batekinisiye n'abaveterineri kugirango barusheho kunoza imikorere yabo.

4. IBIHANO

Umuntu wese unyuranya n'ibikubiye mu ngingo z'aya mabwiriza ahanishwa ibihano biteganywa n'amategeko.

Bikorewe i Kigali, kuwa 24/08/2012

Dr Agnes M. KALIBATA
Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi